

ACPLRWA'S PROFILE OVERVIEW.



ACPLRWA

Association des Chauffeurs de Poids Lourds au
Rwanda

**UMUTEKANO MU KAZI, NI
IGISOBANURO
CY'UBUNYAMWUGA!**

Aderesi:

Kigali, Rwanda
Gikondo around Magerwa
KK 532 st

Office: +(250) 792 405 099

Tel: +(250) 789 187 656

www.acplrwa.rw,

acplrwa@gmail.com

I. IBIKUBIYEMO:

Imbonerahamwe y'ibikubiyemo:

IBIKUBIYEMO	1
INCAMAKE KURI ACPLRWA	2
ABO TURIBO	2
INTEGO N'IBIKORWA	3
IMITERERE Y'IMIYOBORERE	4
IBYAGEZWEHO (KUVA 1992-2025)	5
UBUHUZA	6
MU BIKORWA (IMIKORANIRE)	6
UBUFASHA BWATANZWE	8
MU MIBARE	8
INDI MISHINGA IGIKOMEJE	8
BAMWE MU BAFATANYA BIKORWA	8
IMBOGAMIZI N'AMAHIRWE ATEGANYIJWE	9
AMAKURU KU IMARI	10
UBUHAMYA	11
IBITEKEREZO BY'IMIRIJWE IMBERE	14
MU KWANZURA	15
KU YANDI MAKURU	15
UMUGEREKA	16
UKO ACPLRWA YAGIYE IYOBORWA	17

I. INCAMAKE KURI ACPLRWA:

A. ACPLRWA:

ASSOCIATION DES CHAUFFEURS DES POIDS LOURDS AU RWANDA.

Ni Sendika y'Abashoferi batwara imodoka nini zambukiranya imipaka n'izikorera imbere mu gihugu.



B. ICYO DUKORA: **UBUVUGIZI.**

C. MU GICE CYO GUTWARA IBINYABIZIGA:

Kuva ACPLRWA yashingwa mu buryo bwemewe n'amategeko bigasohoka mu i Gazette ya Leta yo kuwa 15 Nzeri 1992, ikintu cya mbere yari uguhuza abashoferi bose bafite uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rwo ku rwego rwa E mu Rwanda, hagamijwe iyubahirizwa ry'amategeko agenga umurimo na y'umutekano wo mu muhanda n'uburenganzira bw'abashoferi batwara amakamyo, umutekano w'imizigo batwara, kugira uruhare mu iterambere ry'urwego rw'ubwikorezi ndetse n'iterambere mu bukungu bw'igihugu muri rusange.

D. KUBERA IKI ARI INGENZI?:

Impuzandengo y'iterambere ry'ibikingi bw'igihugu no kugedana n'ikoranabuhanga, bigomba kugendana n'ivugururwa ry'amategeko agenga umurimo by'umwihariko amategeko mpuzamahanga agenga umwuga wo gutwara amakamyo.

II. **ABO TURIBO:**

- **Amateka:**

Mbere ya 1994:

ACPLRWA yashinzwe mu mwaka wa 1992, Ni Sendika ry'abashoferi batwara amakamyo ryabaye urufatiro rwo guharanira imibereho myiza y'abakozi (abashoferi) mu Rwanda mu myaka irenga mirongo itatu n'ibiri ishize.

Ni igitekerezo cyatangijwe n'Abashoferi b'abanyarwanda bari bahuriye Mombasa Kenya muri 1988 kugirango bikemurire ibibazo bari bakomeje guhurira nabyo mu kazi kabo umunsi ku munsi.

Muri 1994:

ACPLRWA yarasenyutse, bamwe mu banyamuryango n'abayobozi baricwa abandi bahunga Jenocide yakorewe Abatutsi muri 1994. Byinshi mu bikoreho, inyumabako birangizwa ibindi birasahurwa.

Nyuma ya 1994:

ACPLRWA yongeye kwiyubaka mu ntogo ngari zo kongera guhuza bakozi (Abashoferi) kubakorea ubuvugizi no kunga abanyamuryango. Muri make Jenocide yakorewe Abatutsi muri 1994 yasize ishenye igihugu muri rusange, harimo n'amashyirahamwe y'abakozi harimo na **ACPLRWA**.

Kuri ubu, ubuyobozi bwa **ACPLRWA** bushyize imbere ubuvugizi bw'abakora umwuga wo gutwara imodoka nini zambukiranya imipaka, nk'ibijyanye n'umushahara fatizo, Uburyo akazi gakorwamo n'ibindi birebana n'uburenganzira bw'umukozi (Umushoferi) cyane cyane ahakiri ibyaho.

- **ICYEREKEZO:**

Kubaka umwuga utekanye kandi ushinganye ku bashoferi, banyiri mizigo, ndetse n'abakoresha (Abashoramari).

- **IKIGENDERWE:**

Kuzamura ubunyamwuga mu gutwara ibinyabiziga byambukiranya imipaka binyuze mu kubakira abashoferi b'amakamyo ubushobozi n'iyubahirizwa ry'amategeko agenga umurimo n'ay'umutekano wo mu muhanda.

- **INDANGAGACIRO SHINGIRO ZACU:**

- Ubunyangamugayo
- Kwigenzura
- Uburinganire
- Ubumwe
- Kwicisha bugufi
- Kuzuza no kunoza inshingano
- icyizere

III. INTEG0 N'IBIKORWA:

A. INTEG0:

- Kwita k'umutekano w'imizigo, bikoze n'abashoferi bayo,
- Kwita k'ubuzima bw'ikinyabiziga bikoze n'abashoferi babyo.

- Guteza imbere uburenganzira bw'abashoferi
- Gutezimbere umutekano w'akazi n'imikorere myiza
- Gutanga amahugurwa no kubakira abanyamuryango ubushobozi
- Kurinda imizigo itwarwa n' Abashoferi kandi bikoze nabanyir'ubwite;
- Kwita k'ubuzima bw'ibinyabiziga bitwara imizigo bikoze n'Abashoferi babyo.
- Guteza imbere imikoranire myiza n'ubwuzuzanye hagati y'Ishirahamwe rya ba nyiramakanyo (ATTAR) n'iry'abashoferi(ACPLRWA).

B. IBIKORWA BY'INGENZI:

- Gukora amahugurwa n'ibindi ibiganiro bihora mu gufasha abashoferi gusobanukirwa agaciro umurimo wabo umariye igihugu muri rusange.
- Gushyira imbaraga mu buvugizi bw'imbere mu gihugu no hanze yacyo.
- Guharanira itera mbere bwite ry'abanyamuryango bacu.
- Ubufatanye n'imiryango ya leta cyangwa imiryango itari iya leta yaba iyo mu Rwanda cyangwa mpuzamahanga.
- Ubufatanye n'amashyirahamwe y'abakoresha / abashoramari mu by'ubwikorezi.
- Gukora ibikorwa biduhuza n'abandi banyarwanda

IV. IMITERERE N'IMIYOBORERE:

A. IMIYOBORERE NA KOMISIYO ZA ACPLRWA:

- Inteko rusange
- Komite shingwabikorwa
- Komite y'abagenzuzi b'imbere
- Komite y'abajyanama
- Komite ishinze gukemura amakimbirane

B. UBUYOBOZI (NYOBOZI) N'INSHINGANO:

I. Perezida: KANYAGISAKA Justin

Kuyobora ku rwego rwa Perezida ACPLRWA n'Inteko rusange no guhagararira ACPLRWA imbere y'amategeko.

II. Visi Perezida: KUBWUMUKIZA Fanuel

Visi Perezida wa Komite Nshingwabikorwa yungiriza Perezida wa Komite Nshingwabikorwa akanamusimbura igihe adahari cyangwa havutse ibindi bibazo.

III. Umunyamabanga: RUKUNDO Abdoul Hakim

Gufata inyandiko mvugo igihe cy'inama ya Komite Nshingwabikorwa n'Inteko Rusange, kubika inyandiko z'Sendika, gushyira umukono kunyandiko mvugo z'inama na Perezida, no gutegurira Komite Nshingwabikorwa raporo y'ibikorwa izashyikirizwa Inteko rusange mu nama isanzwe cyangwa idasanzwe.

IV. Umubitsi: RUGAMBA Steven

Kwakira imisanzu n'izindi mboneka z'Sendika, kugira mu bubiko ibitabo n'izindi mpapuro z'umutungo w'Sendika, gutegura ingengo y'imari, gukora ishusho y'umutungo na konti ikorehwa na Komite Nshingwabikorwa, no gusinya hamwe na perezida wa Komite Nshingwabikorwa cyangwa na Visi Perezida wa Komite Nshingwabikorwa ku ma konti ya za banki

C. ABANYAMURYANGO BSENDIKA:

- Abarishinze
- Abaryinjiramo
- Ab'icyubahiro.

Abanyamuryango barishinze n'abaryinjiramo ni bo banyamuryango nyakuri b'iri shyirahamwe. Bafite Uburenganzira n'inshingano bimwe mu muryango.

Abanyamuryango b'icyubahiro bagishwa inama ariko ntibatora kandi ntibatorwa.

V. IBYAGEZWEHO (Kuva 1992-2025)

- Hubatswe ibiro byo gukoreramo imirimo ya Sendika ,(Foto ofisi)
Ibikorwa by'ingenzi (Ibyagezweho hakenewe photos kdi nibyisnshi bisaba photos)
- Twakoze ubuvugizi ku ishyirwa mu bikorwa ry'Itegeko N° 66/2018 ryo kuwa 30/08/2018 rigenga Umurimo mu Rwanda ku Ingingo zimwe na zimwe cyane cyane nk'iya 11 ivuga uko amasezerano y'akazi akorwa.

Hari nanone andi ashamikiye ku itegeko ry'umurimo, nk'itegeko No 05/2015 ryo ku wa 30/03/2015 rigenga imitunganyirize ya gahunda z'ubwiteganyirize bwa pansiyi (cyane cyane mu ingingo yaryo ya 6). Hari kandi nanone, Itegeko No 48/2015 ryo ku wa 23/11/2015 rigena imiterere, imikorere n'imirungire by'Ubwishingizi bw'indwara mu Rwanda (cyane cyane ingingo yaryo ya 4)

- Hari kandi iteka rya Minisitiri No 007/19.20 ryo ku wa 17/03/2020, rigena ibice by'ingenzi biranga ibigize amasezerano y'akazi yanditse.
- Hari nanone Iteka rya Minisitiri No 002/19.20 ryo ku wa 17/03/2020 rishiraho urutonde rw'amakosa akomeye.

VI. UBUHUZA:

Nkuko biri mu nshingano z'Sendika, hakoze kandi ubuhuza hagati y'abashoferi n'abakoresha babo mu bihe bitandukanye, hitawe cyane ku mategeko agenga umurimo haba mu Rwanda ndetse no ku rwego mpuzamahanga.

Ibi bikubiyemo ibibazo bijyanye n'amasezerano y'akazi, ubwishingizi, guteganyirizwa, hamwe n'umutekano mu kazi.

VII. MU BIKORWA (IMIKORANIRE),

Twakoranye n'ihuriro ry'abakozi mu by'ubwikorezi ITF mu gutezimbere umwuga wo gutwara amakamyo




Ubufatanye n'ikigo gishinzwe kwihutisha iterambere ry'ubucuruzi n'ubwikorezi mu muhora wa ruguru (NCTTCA) na RNP muri gahunda zitandukanye zirimo amahugurwa, n'ubu tugikomeza.

Sept, 2025 Joint Safety Campaign



Ubufatanye n'ibigo nka **SFHI**, **RBC** na **USAID** ku mishinga n'ubukangurambaga mu kurwanya ubwandu bw'agakoko gatera SIDA ndetse n'izindi ndwara z'ibyuririzi.



Kubufatanye na RNP ishami rihuza ibikorwa bya Police n'abaturage (Community Policing), hatanzwe amahugurwa mu gukumira no gukumira ibyaha muri rusange cyane cyane nyamubukiranaya mipaka ku batwara amakamyo.



VIII. UBUFASHA BWATANZWE (Inkunga zitandukanye zatanzwe ku banyamuryango n'abashoferi)

Abenshi mu banyamuryango babonye ubufasha mu buryo bw'amategeko, ingoboka, no kubaka umuryango.

IX. MU MIBARE:

Umubare w'abanyamuryango uri hagati ya 1,000 na 1,500 kandi kubera imbaraga ziri mu bukanguramabaga, umubare ukomeje kwiyongera.

IMISHINGA YARANGIYE: 1992 - 2025

- Hubatswe Office za ACPLRWA
- Hubakiwe imiryango 3 itishoboye
- Umushinga wo gushyirahamwe abashoferi binyuze mu kuzigama no kwigurizanya ndetse no gutabara, ubu biri guhindura imibereho y'abashoferi (Abanyamuryango)

X. INDI MISHINGA IGIKOMEJE:

- ❖ NORTHERN CORRIDOR PUBLIC PRIVATE PARTNERSHIP COMMITTEE irakomeje mu kunoza imigendekere myiza ndetse no kwihutisha ubwikorezi n'ubucuruzi mu muhora wa ruguru.
- ❖ Gushyiraho ikigo cyubakira ubumenyi n'ubushobozi abashoferi hagamijwe gukora kinyamwuga.
- ❖ Hari gukorwa ibiganiro kugirango hashyirweho urwego rumwe ruhuriweho ruzajya ruhuza ama Sendika y'abashoferi mu karere u Rwanda ruherereyemo.
- ❖ Sendika izakomeza kugira uruhare mu mibereho myiza y'abaturage muri rusange, nko gukomeza kubakira amacumbi abatishoboye, ndetse no kugira uruhare mu zindi gahunda za leta.
- ❖ Tuzakomeza gushyira imbaraga ku gushaka uko abatwara amakamyo babona ubwishingizi bwo kwivuza.
- ❖ Tuzakomeza kandi gushyigikira iterambere ry'umuryango w'umushoferi utwara ikamyo binyuze muri gahunda zitandukanye.

XI. BAMWE MU BAFATANYA BIKORWA:

-  International Transport Workers Federation (ITF)
-  Northern Corridor Transit and Transport Coordination Authority (NCTTCA)

- ✚ Central Corridor Transit and Transport Coordination Authority (CCTTCA)
- ✚ Rwanda Ministry of foreign Affairs and International Cooperation (MINAFFET)
- ✚ Rwanda Ministry of Labor (MIFOTRA)
- ✚ Rwanda Ministry of Infrastructure (MININFRA)
- ✚ Rwanda Ministry of Trade and Industry (MINICOM)
- ✚ Polisi y'u Rwanda (RNP)
- ✚ Rwanda Utilities Regulatory Authority (RURA)
- ✚ Rwanda Social Standard Board (RSSB)
- ✚ Rwanda Revenue Authority (RRA)
- ✚ Rwanda Standard Board (RSB)
- ✚ Rwanda Biomedical Center (RBC)
- ✚ Private Sector Federation (PSF)
- ✚ Centrale des Syndicats des Travailleurs du Rwanda (CESTRAR)
- ✚ Associations de Transporteurs et transitaire agrees du Rwanda (ATTAR)
- ✚ N'abandi

UBUBANYI N'UBUFATANYE MPUZAMAHANGA:

Dufitanye imikoranire na mashyirahamwe y'abashoferi muri Afurika y'iburasirazuba n'iy'amajyepfo (TANZANIA, KENYA, UGANDA, BURUNDI, R D CONGO na ZAMBIA)

XII. IMBOGAMIZI N'AMAHIRWE ATEGANYIJWE:

IMBOGAMIZI:

1. Ubufatanye na Leta:

Umwuga wo gutwara amakamyo nturabasasha kwitabwaho na Leta ku buryo bukwiye. Dukeneye amategeko avuguruye akurikiranwa mu buryo buhoraho mu kurengera umukozi (Umushoferi) no mu gihe ari mu mahanga mu butumwa bw'akazi.

Kugeza ubu, haracyari icyuho mu ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko, gushyigikirwa, no guhuza imyumvire ku mbogamizi n'ibikenewe mu kunoza uyu mwuga.

2. Ibibazo by'ubushobozi:

Sendika ryacu kugirango ritere imbere, rikeneye amafaranga yo gutera inkunga imishinga nko kwiga ku mategeko agenga umurimo, kurengera uburenganzira bw'abashoferi, gukoresha amahugurwa yisumbuyeho, no gutangiza udushya muri uyu mwuga wo gutwara amakamyo.

Iki cyuho kigabanya ubushobozi bwacu bwo gushyira mu bikorwa gahunda zimwe na zimwe duteganya.

3. Ibibazo by'ubwishingizi n'ubwiteganyirize bw'abashoferi:

Mu gihe amakamyo dutwara afite ubwishingizi bwuzuye, abashoferi ubwabo ntabwo ubuzima bwabo bwishingiwe. Iyo habaye ibyago by'impanuka, abashoferi bashokemerekerera muri izo mpanuka rimwe na rimwe bagahura n'ubumuga bwa burundu mu ubuzima bwabo bwose, ntibabashe no kubona ubuvuzi bukwiye.

Umushoferi uhasize ubuzima, umuryango we wakabaye ugira ibyo uhabwa mu bwiteganyirize, ariko iyo bitakozwe, wa muryango we uhita uba umutwaro ku gihugu. Uku kubura ubwishingizi n'ubwiteganyirize bya kagombye gukemurwa n'amategeko agenga umurimo, ariko ntibirabasha gushyirwa mu bikorwa hamwe na hamwe.

AMAHIRWE ATEGANYIJWE:

1. Twizera ko amaherezo leta izasobanukirwa neza umwuga wa gishoferi n'imbogamizi wihariye.
2. Turimo kwagura imbaraga z'ubufatanye, haba mu karere ndetse no kurwego mpuzamahanga, kugirango tunoze ubufatanye n'imikoranire.
3. Turateganya ubwiyongere bw'abanyamuryango bacu, uyu mubare uzashimangira ijwi ryacu kuko ari ingirakamaro.
4. Tuzakomeza kuganira n'amashyirahamwe mpuzamahanga, amahuriro, hamwe n'amasosiyete kugirango twongere ubufatanye no guteza imbere amahirwe yo gutezura kinyamwuga abashoferi ku rwego mpuzamahanga.
5. Turacyashaka abo twiyungaho ndetse dufatanye kugirango dutange umusaruro ukwiye mu kunoza umwuga wo gutwara amakamyo.

XIII. AMAKURU KU IMARI:

- a) Sendika riterwa inkunga binyuze mu misanzu y'abanyamuryango buri kwezi ndetse n'izindi nkunga cyangwa imboneka zishobora kuboneka.
- b) Ishami ry'imari ryemeza ko amafaranga akoreshwa hakurikijwe ingengo y'imari yemejwe, Ikubiyemo imishahara y'abakozi n'indi mishinga na gahunda zindi zikenewe.

- c) Raporo y'imari ishyikirizwa abanyamuryango buri kwezi muncamake, na buri mwaka mu nteko rusange, byerekana uburyo amafaranga yakiriwe buri kwezi nuko yakoreshejwe.

XIV. UBUHAMYA:

- Kunga ubumwe bw'abanyamuryango banasobanukiwe inshingano zabo ku Sendika bahuriyemo.



- Kunoza imitangire ya serevisi no kuzihutisha ku banyamuryango bacu binyuze mu kuvugurura ibiro, gukoresha ikoranabuhanga n'imbuga nkoranyambaga mu kubegera abanyamuryango n'ibindi.



- ✚ Kwigisha abatwara amakamyo uburenganzira bwabo n'umumaro wo kubarizwa muri Sendika.



- ✚ Kwiubaka, guteza imbere abanyamuryango bacu n'iterambere ry'imiryango bakomokamo binyuze mu bigega nka **SOCIAL SOLIDARITY** yo gufashanya no gutabarana na **ACPLRWA SOCIAL BUSINESS** yo kubitsa no kugurizanya.



- ✚ Kugira uruhare mu Iterambere rusange ry'igihugu binyuze mu bikorwa byo kubakira abatishoboye kuva 2022 Ngoma mu Burasirazuba, 2024 Gikondo mu mujiyi wa Kigali, 2025 Ngera mu Majyepfo, ndetse no mu bikorwa byo kwamamaza mu matora y'umukuru w'igihugu n'ayaba depite ya 2024 n'izindi gahnda zubaka igihugu.



- ✚ Guhurira mu biganiro n'inama nyungurana bitekerezo n'ibigo n'inzego zitandukanye ku kunoza, koroshya no kwihutisha ubwikorezi nyambukiranya mipaka ndetse n'imibereho y'abakozi (Abashoferi) bakora muri urwo rwego.



- ✚ Gukora ubuvugizi, ubujyanama n'ubwunganizi yaba imbere mu gihugu na nyambukiranya mipaka bwatanze umusaruro ufatika mu kwihutisha ibicuruzwa binagabanya ikiguzi ku bibazo, amande adasobanutse n'ibyatangwaga ku ikamyo iri mu mahanga.
- ✚ Kwita no gukurikirana ubuzima bw'abatwara amakamyo.

Ubundi buhamya mushobora kubusanga ku miyoboro ya YouTube nka ACPLRWATV yacu n'ibindi bitangazamakuru nka *Sauti Ya Dereva*, ndetse n'ibinyamakuru bitandukanye.

XV. IBITEKEREZO BY'IMIRIJWE IMBERE:

- i. Gukomeza gukora ubuvugizi ku ishyirwa mu bikorwa ary'amategeko agenga umurimo.
- ii. Gushyiraho ubwishingizi bwo kwivuka ku banyamuryango bacu.
- iii. Kugura imbangukira gutabara kugirango itange ubufasha bwihuse mugihe habaye impanuka.
- iv. Gushyiraho ikigo cy'imari iciriritse cyangwa banki kugirango itange serivisi zinguzanyo ku bashoferi.
- v. Kwagura gahunda z'amahugurwa y'ubunyamwuga ku bashoferi batwara amakamyo bakagera ku bushobozi mpuzamahanga.
- vi. Kubaka ibigo bikomeye bigirira akamaro abanyamuryango bacu ndetse n'abashoferi muri rusange.
- vii. Gutezimbere urwego rwacu rwemewe rwo kwigisha no guhugura abashoferi ku burenganzira bwabo n'amategeko agenga umurimo, haba mu mategeko agenga umurimo mu gihugu ndetse no ku rwego mpuzamahanga.
- viii. Gukomeza gushaka iterambere mu bufatanye mpuzamahanga

XVI. MU KWANZURA:

ACPLRWA yakomeje gukora ubuvugizi bushimangira uburenganzira n'imibereho myiza y'abashoferi batwara amakamyo mu Rwanda, kandi turajwe ishingano guhagarara neza mu nshingano zacu zo kuzamura ubunyamwuga no gufatwa neza muri iki gice cy'ubwikorezi. Kuyoborwa n'indangagaciro zacu z'ibanze z'ubunyangamugayo, ubuvugizi, uburinganire, ubumwe, no gukorera mu mucyo, twiyemeje kubaka umurimo utekanye kandi inoze ku bashoferi, ba nyir'imizigo, ndetse n'abakoresha ubwabo.

Mu gihe dukomeje gutera imbere no kwagura ibyo dukora, turahamagarira abafatanyabikorwa mu ngeri zose haba mu karere ndetse no mu mahanga kwifatanya natwe mu kuzamura ibipimo by'ubunyamwuga mu gutwara amakamyo nyambukiranya mipaka.

Twese hamwe, dushobora gushyiraho ejo hazaza aho uburenganzira bw'abakozi ba bashoferi bw'ubahirizwa, kandi umwuga ugatera imbere mu burunganire, umutekano, no kwaguka.

Dutegereje kuzakorana na buri wese mu gushyigikira iki cyerekezo dusangiye.

XVII. KU YANDI MAKURU:

YouTube: ACPLRWATV

X (Twitter): ACPLRWA

Facebook: ACPLRWA

TikTok: ACPLRWA

Office: + (250) 792 405 099

Tel: + (250) 789 187 656

Website: www.acplrwa.rw

E-mail: acplrwa@gmail.com

XVIII. UMUGEREKA:

IMIKORANIRE MU KURWANYA SIDA:IMIKORANIRE N'UMURENGE WA GIKONDO.

UKO ACPLRWA YAGIYE IYOBORWA KUVA YASHINGWA.**KU RWEGO RWA PEREZIDA.**

- | | |
|--------------------------------|-------------------|
| 1. KANYAGISAKA Justin | 2023 - Kugeza ubu |
| 2. TUZINDE Narcise | 2011 - 2022 |
| 3. NISHIMIYIMANA Emmanuel | 2006 - 2011 |
| 4. BUTAMIRE John | 1996 - 2006 |
| 5. NKUNDIYE Jean Marie Vianney | 1988 - 1996 |
| 6. KANYARUGUNGA Martin | |
| 7. NTIHABOSE Fidel | |
| 8. KAZAGWA Hamis | |